# 72: Iman' iri hamwe natwe

1.

Iman' iri hamwe natwe Kugira ngw idukomeze. Ijuru rifit'ibihu Byo kutuzanir' imvura.

Ref:

Utwumvire, Mana yacu, duh’ umugish' uyu munsi. Turagutegerej' ubu Tuvubir' imvura yawe.

2.

Iman' iri hamwe natwe Hano ha hinduts' ahera. Twese turategereje Kuzuzwi imbaraga zawe.

3.

Iman' iri hamwe natwe Turasaban' ukwizera. Mana can' uwo muriro Mu mitima yacu twese.

4.

Ugurur' ijuru, Mana, Uduh' imbaraga zawe. Duh' umugish' uyu mwanya Kubw' ubuntu bwawe, Mana.

Visit us at indirimbo.com